**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA W´URUKIKO RW´IKIRENGA MU MUHANGO WO GUTANGIZA UMWAKA W'UBUCAMANZA WA 2017-2018**

***Kigali, 011/09/2017***

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;**
**Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu;**
**Banyacyubahiro mwese muri hano;**

Nk'uko bimaze kuba umuco, buri mwaka, Urwego rw'Ubucamanza rutegura umuhango wo gutangiza ku mugaragaro umwaka w'ubucamanza. Uyu muhango kandi, utubera umwanya wo kubagezaho gahunda dufite mu mwaka dutangiye. Tubashimiye byimazayo, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ku bw'agaciro muha uyu muhango, muza kwifatanya natwe, nk'uko mutahwemye kubikora kuva mu mwaka wa 2004.

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;**
**Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu;**
**Banyacyubahiro mwese muri hano;**

Muri uyu mwaka dusoje, Urwego rw'ubucamanza rwakomeje guharanira kugera ku ntego yarwo yo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse. Umusaruro inkiko zagezeho ku buryo burambuye ukubiye muri raporo y'umwaka twabashyikirije. Muri uyu mwanya mpawe, munyemerere, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, mbagezeho iby'ingenzi muri byo.

Mu rwego rwo kwihutisha imanza no kugabanya ibirarane, Urwego rw'Ubucamanza rwateye intambwe ishimishije. Mu gihe mu mwaka ushize imibare y'imanza z'ibirarane wari 31%, uyu mwaka dusoje urangiye hasigaye imanza z'ibirarane zigera kuri 23% by'imanza zitaracibwa. Bivuze ko mu manza 20.874 ziri mu nkiko ubu, imanza 4.857 gusa nizo zimaze amezi arenze atandatu zitaraburanishwa.

Ibi byagezweho kubera ingamba zafashwe, harimo kugabanya umubare munini w'imanza zinjira mu nkiko, kugabanya isubikwa ry'imanza, no kuzamura umubare w'imanza zicibwa buri kwezi na buri mucamanza.

Kugira ngo umubare w'imanza zinjira utazatuma inkiko zisubira mu birarane, hatekerejwe n'izindi ngamba nshya. Muri zo twavuga:

Gushyiraho uburyo bwihariye bwo kuburanisha ku buryo bwihuse ibirego bito (*special small claims procedure*);

Gushyiraho uburyo bwo gukemura amakimbirane mbere yo kuregera inkiko, no mu manza zitari mu bubasha bw'abunzi;

Guha ububasha Abacamanza bwo kumvikanisha ababuranyi babyemeye bidaciye mu nzira zisanzwe z'urubanza (court-annexed mediation).

Imanza zicibwa nazo zariyongereye. Mu mwaka w'Ubucamanza wa 2016-2017 dushoje, umubare w'imanza zaciwe wazamutseho 12%, uva ku 60.494 ugera ku 67.992, bihwanye n'imanza 25 mu kwezi kuri buri mucamanza, ugereranije n'intego bari biyemeje y'imanza 20 buri kwezi ku mucamanza. Ingamba zafashwe mu kugabanya isubikwa ry'imanza nazo zafashije mu gutanga ubutabera bwihuse.

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;**
**Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu;**
**Banyacyubahiro mwese muri hano;**

Kuzamura umubare w'imanza zicibwa no kwihutisha icibwa ryazo byagendanye no kwita ku budakemwa bwazo. Mu mwaka w'Ubucamanza dushoje, imanza zahinduwe mu bujurire zabaye 8% mu gihe umwaka wabanjirije uwo dusoje zari 10.77%. Iyo imanza zaciwe, zikajuririrwa, zigahinduka ku ijanisha riri hasi mu bujurire, ubudakemwa bwazo bufatwa nk'uburi hejuru muri rusange. Icyakora, iki gipimo sicyo cyonyine kigenderwaho; cyunganirwa n'ibindi bipimo.

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;**
**Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu;**
**Banyacyubahiro mwese muri hano;**

Mu rwego rwo guha abagana inkiko serivisi zinoze, no kwihutisha akazi, Urwego rw'Ubucamanza rwakomeje gushyira ingufu mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rya IECMS. Nyuma yo kubona umusaruro ryatanze mu nkiko zo mu mugyi wa Kigali, ryakwijwe mu nkiko zose mu Gihugu ku buryo mu kwezi kwa Kamena 2017 nta rukiko rwari rusigaye, uretse gusa inkiko 3 z'Ibanze bitewe n'uko nta murongo wa Interineti ugera aho ziherereye (*no network coverage*). Umubare w'ibirego bitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga wariyongereye, ukaba ugeze kuri 80%. Biteganijwe ko muri uyu mwaka dutangiye, ibirego byose bizatangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga ku kigero cya 100% nk'uko bikorwa ubu mu nkiko nkuru, iz'ubucuruzi n'izubatse mu mujyi. Ikoranabuhanga rya IECMS ryongeye gushimwa n'amahanga. U Rwanda rwahawe *Technology Solution Award* yatangiwe i Washington DC muri Leta zunze ubumwe z'Amerika ku muri Nyakanga 2017.

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;**
**Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu;**
**Banyacyubahiro mwese muri hano;**

N'ubwo tumaze kugera kuri byinshi, haracyari n'inzitizi tukomeza gufatira ingamba. Hari ikibazo cy'umubare w'imanza zinjira mu nkiko wongeye kuzamuka. Nubwo muri rusange imanza zinjira mu nkiko zaragabanutse mu myaka itanu ishize, kuva mu umwaka ushize, imibare y'imanza zinjira yiyongereyeho imanza 7,141 zingana na 14%. Ibi byatewe ahanini n'umuhate washyizwe mu kurwanya ibyaha byibasiye umuryango nyarwanda muri iki gihe, cyane cyane ibiyobyabwenge mu

rubyiruko, n'imanza nshinjabyaha zakuwe mu bubasha bw'abunzi. Hatekerejwe ingamba zatuma ubwiyongere bw'imanza mu nkiko bugabanuka harimwo:

Kuvugurura amategeko hagamijwe gushyiraho uburyo Ubushinjacyaha bwagirana amasezerano y'ubwumvikane n'abaregwa (*plea-bargaining*);

Indi nzitizi ni ijyanye n' ibura ry'umuriro mu nkiko zimwe na zimwe kandi nta mashini zitanga umuriro zihari. Hari kandi ibibazo bishingiye ku ibura ry'umurongo wa interineti bigatuma IECMS idakora ku buryo akazi gahagarara, harimo no guhagarika iburanisha ryari ryatangiye. Hari n'ibikoresho bishaje bitajyanye n'igihe. Nubwo hakiri izi inzitizi, Urwego rw'Ubucamanza rufatanije n'izindi nzego, ruzakomeza gukora ibishoboka byose ngo ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rirusheho kuzamura umusaruro no kunoza service.

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;**
**Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu;**
**Banyacyubahiro mwese muri hano;**

Guca imanza neza kandi vuba,bigendana no kugira abakozi b'inyangamugayo bakurikiza amategeko arebana n'ikiburanwa, umutimanama, n'amahame mbonezamwuga abagenga. Abacamanza n'abakozi b'inkiko babikangurirwa kenshi, haba mu mahugurwa, mu nama zinyuranye bagirana n'abayobozi b'Urwego rw'Ubucamanza, muri gahunda ngaruka mwaka yahariwe kurwanya ruswa no mu myiherero. Kurwanya ruswa n'imikorere mibi mu bacamanza n'abanditsi n'urugamba tudashobora kwemera gutsindwa kabone n'iyo byafata igihe kinini bitewe n'amayeri y'abarya ruswa. Muri uyu mwaka dushoje abakozi 6 bafatiwe ibihano birimo no kwirukanwa.

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;**
**Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu;**
**Banyacyubahiro mwese muri hano;**

Mu mwiherero udasanzwe abacamanza n'abashinjacyaha baherutsemo iGabiro, twize byinshi bijyanye n'umuco, indangagaciro na kirazira byaranze umuryango nyarwanda n'uruhare rw'ubucamanza mu mateka y' uRwanda uhereye mu kinyejana cya 16. Twagaragarijwe ko kuva kera, guca imanza byari bitagambiriye gusa kwemeza utsinze n'utsinzwe, ahubwo byari bigamije gukura ikibi mu muryango no kunga abatanijwe n'icyaha. Uwo muco wo kunga ukaba warateshejwe agaciro n'abakoloni, bigatuma ubutabera abanyarwanda bahabwa butagera ku nyota yabo uko bikwiye. Abari mu mwiherero bahigiye kongera kwimakaza uwo muco n'indagagaciro zaranze ubucamanza bwo hambere zikaba umusingi ubutabera bwo muri iki gihe bwubakiyeho. Biyemeje kuba ba ‚nta makemwa' mu gutanga ubutabera.

Biyemeje kurangwa n'indangagaciro z'ubupfura, ubunyangamugayo, ubutwari bwo guhagarara ku kuri, ubuhanga n'ubushishozi, bazirikana ko ababuranyi bose bareshya imbere y'amategeko kandi ko ari nta muntu uri hejuru y'amategeko (equality before the law and the rule of law). Ibi byahozeho mu bucamanza bw'u Rwanda, urugero ni urubanza rwa Semakamba arega

umunyarwanda Rwabugiri amuregera Umwami Kigeri IV ariwe Rwabugiri, kubera kwihorera binyuranije n'umuco, akamutsinda, Rwabugiri agatanga icyiru cy'inka umunane n'umukobwa we nk'umugeni mu muryango yari yakoreye icyaha.

Uyu mwiherero udasanzwe kandi, wabaye urubuga rwo kuganira ku byaha bibangamiye iterambere ry'iGihugu birimo ruswa no kunyereza ibya rubanda. Hateganijwe ko hazajyaho ingereko zihariye ziburanisha ibi byaha n'abacamanza bihariye kugira ngo turamire ubukungu bw'iGihugu. Ku bufatanye n'inzego z'Ubugenzacyaha n'Ubushinjacyaha, turifuza gusezeranya abanyarwanda ko hazakorwa ibishoboka byose abanyereza umutungo wabo bakabiryozwa.

Hashingiwe ku muco, kandi, hafashwe imyanzuro izafasha mu guhuza amahame yagengaga imicire y'imanza mu muco nyarwanda, n'imicire y'imanza muri iki gihe, harimwo:

Guha ‚ubwunzi' indi ntera nk'uburyo bwo gukemura amakimbirane mbere y'uko ashyikirizwa inkiko, cyangwa yamaze kugera mu nkiko, mu nyungu yo kongera kubanisha abagiranye ibibazo.

Guha umwanya ijwi rya rubanda ngo batange umusanzu mu gutahura ukuri mu miburanishirize y'imanza, abaturage bafite amakuru bagahabwa ijambo mu rubanza.

Gusaba ko amategeko ajyanye n'ibihano yavugururwa hashimangirwa intego yo kugorora no kwishyura ibyangijwe, gufunga bikagabanuka.

Gushyiraho umunsi ngarukamwaka w'ubutabera uzabanzirizwa n'icyumweru cy'ubutabera aho abakozi bo mu nzego z'ubutabera bazahura n'abaturage bakabasobanurira imikorere y'izo nzego no kubashishikariza gukemura ibibazo byabo mu bwumvikane. Muri icyo cyumweru hanakorwa ibiganiro hagati y'inzego zitandukanye kugira ngo zigaragarizwe ibibazo bitera amakimbirane mu muryango nyarwanda, zibifatire ingamba bityo na zo zifashe ubucamanza kuzuza inshingano yo gutanga ubutabera bunoze.

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;**
**Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Inzego Nkuru z'Igihugu cyacu;**
**Banyacyubahiro mwese muri hano;**

Abacamanza n'Abakozi b'Inkiko, muri rusange bishimira ibyo bagenerwa nk'umushahara kandi bizera ko, uko ubukungu bw'Igihugu bugenda buzamuka, ibyo nabyo biziyongera. Ubwo mwazaga kwifatanya natwe mu gutangiza Umwaka w'Ubucamanza wa 2015-2016 no gusoza umwiherero i Gabiro, mwatugiriye inama yo kwishakamo ibisubizo aho guhora dusaba iyongerwa ry'umushahara. Ubu, abakozi b'inkiko bamaze gushyiraho isanduku yo kwizigamira no kuguriza, aho buri munyamuryango yiyemeje kwizigamira 4% y'umushahara we. Mu gihe gito cy'amezi atandatu imaze itangiye, hamaze kubitswa agera kuri 100.000.000 Frw. Amafaranga abitswa namara kugwira, hazashyirwaho uburyo umunyamuryango azasabamo inguzanyo ishingiye kuyo yizigamiye, ayishyure ku nyungu yo hasi ugereranije n'iya amabanki. Iyo sanduka tuyitezeho byinshi harimo no gukemura ikibazo cy'amacumbi ku banyamuryango. Ubusanzwe, Abacamanza ntibemerewe gufata impano, ntibanemerewe guterwa inkunga na buri wese, ariko inkunga yanyu Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yo iremewe.

Reka nsoze iri jambo nshimira; ndashimira inzego dufatanya, zaba iza Leta, izitari iza Leta ndetse n'abagenerwabikorwa bacu. Ndashimira kandi Abacamanza, abanditsi b'inkiko n'abandi bakozi b'Urwego rw'Ubucamanza ku ruhare bagira kugira ngo urwego bakorera rugere ku ntego rwihaye. By'umwihariko, ndashimira Abacamanza babiri bagiye mu kiruhuko cy'izabukuru, babaye indashyikirwa mu kazi no mu myifatire mu gihe cy'imyaka irenga 20 bamaze ari abacamanza. Inama Nkuru y'Ubucamanza, yemeye ko bahabwa izina ry'icyubahiro. Nkaba ntangaje ku mugaragaro ko **Bwana Pie Mugabo**, ahawe izina ry'icyubahiro ry'Umucamanza mu Rukiko Rukuru. Naho **Bwana Ndahigwa Felix** akaba ahawe izina ry'icyubahiro rya Perezida w'Urukiko rw'Ibanze.

Ndabashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ku nkunga mudahwema kudutera mu buryo butandukanye. Kuba mu mwuga w'Umucamanza mu Gihugu kiyobowe namwe Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, bidutera ishema, nkaba ngira ngo abo mpagarariye bampfashe tukwifurize ishya n'ihirwe n'ubuzima bwiza muri manda nshya mutangiye. Nkaba ndangije mbasaba, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, kutugezaho ijambo ry'uyu munsi mwaduteguriye.

Murakoze.